***REPUBULIKA Y'U RWANDA***

**URUKIKO RW'IBANZE RWA BWISHYURA**

**KUMENYESHA ICYEMEZO CY'URUKIKO MU RUBANZA RC 00080/2021/TB/BWS**

Umunsi wa 24, ukwezi kwa Ukwakira, umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri n'ibiri ;

Njyewe MPORWIKI Jean Marie Vianney, Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rw'Ibanze rwa Bwishyura;

Maze kubona ko urubanza RC 00080/2021/TB/BWS rwaciwe kuwa 28/03/2022, RUGEMERA Meshack mwene Mukama Eliezer na Mubandakazi Adeline utuye mu mudugudu wa Mataba, Akagali ka Kibingo, Umurenge wa Gihombo,Akarere ka Nyamasheke, intara y'iburengerazuba, ubarizwa kuri TEL +250732312019 ; yunganiwe na Me MUKAGASANA Clothilde aregera ubutane bwa burundu akarega MUKARUSANGA Elevanie mwene Rwizihizangabo Ignace na Mukabyagaju, utuye umudugudu wa Mataba, Akagali ka Kibingo, Umurenge wa Gihombo, Akarere ka Nyamasheke, intara y'iburengerazuba, ubarizwa kuri TEL +250731785443, MUKARUSANGA Elevanie adahari;

Maze kubona ko MUKARUSANGA Elevanie agomba kumenyeshwa icyemezo cy'urukiko kuko yaburanye yari yarahamagajwe ahatazwi;

Nshingiye ku ngingo ya 46 y'Itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu;

Menyesheje MUKARUSANGA Elevanie ko urubanza rwaciwe mu buryo bukurikira :

Rwemeje kwakira ikirego rwashyikirijwe na RUGEMERA Meshack, rugisuzumye rusanga gifite ishingiro.

Rwemeje ko RUGEMERA Meshack atandukanye burundu na MUKARUSANGA Elevanie, bityo amasezerano yo gushyingirwa yabaye kuwa 14/061/2006, imbere y'ubwanditsi bw'irangamimerere bw'Umurenge wa Gihombo, akaba asheswe.

Rwemeje kandi rutegetse ko abana NDAGIJIMANA Fils wavutse ku wa 6/04/2009, MURERWA Evine wavutse kuwa 15/2/2016 na UMUTONI Florence wavutse 18/04/2005, bahabwa RUGEMERA Meshack akaba ariwe ukomeza kubarera kuko ni nawe wita ku burere bwabo buri munsi, maze MUKARUSANGA Elevanie akajya asura abana ndetse n'abana bakamusura. Akaba nta ndezo itanzwe muri runo rubanza.

Rwemeje kandi rutegetse ko RUGEMERA Meshack ahabwa umurima ufite UPI : 3/07/04/04/1433, ukamufasha kurera abana, naho MUKARUSANGA Elevanie agatwara umurima wo ku nkuka za gasozi ufite UPI : 3/07/04/04/1429.

Rwemeje ko ingwate y'igarama RUGEMERA Meshack yatanze aregera urukiko ingana n'amafaranga ibihumbi icumi (10,000frw) ihwanye n'imirimo yakozwe muru banza.

MPORWIKI Jean Marie Vianney